# 306: Twishimir’ umunsi w'Imana

1. Twishimir’ umunsi w'Imana, Tubonahw ibyishimo. N' umunsi turuhukiraho,Tuvuye mu mirimo, Imibabaro yac’
ivuyeho No kwiganyira kose. N’ umuns' abakuru n'abato Basingiz' Uwiteka.

2. Imana yarangije byose Kur' uyu munsi mwiza; Kandi ni ho Kristo yazutse Urupf ‘arunesheje, Ngo dukizw' ibyaha n'ingeso mbi;Maz' atwoherereza Umwuka
w'Iman' ihoraho, Wamanutse mw ijuru.

3. lyo tugejej' uyu munsi Tubon' ubukiriro, Tuba dusa n'abasohoye Ahitwa Paradiso. Twari tuguy' umwum' ukabije;None tubony' amazi; Kand' isi
twasezeranijwe Tuba tuyigezemo.

4. Non' ingoma nyinshi zavuzeGuhamagaz' abayo, Bateranire gufungura Ifunguro ry'Imana: Ubutumwa buramurikira Bos' a bo mu mwijima, Kandi busa n'amazi meza Ahembur'
imitima.

5. Nuko dusab’ Iman' iduhe Ub' umugisha mushya Kugira ngo tuzasohore Mu bwami bwo mw ijuru. Ni ho tuzajya duhimbarisha Ijwi ry'umunezero Data wa twese
n'Umwana we Kandi n'Umwuka Wera.

Visit us at burundi.indirimbo.com